**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

Ruhango, kuwa 21/05/2021
No..947..../0206/DR/06

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**AKARERE KA RUHANGO**
**B.P 12 RUHANGO**

**Madamu/Bwana Umuyobozi w'Ikigo cy'ishuri cya.............................. (Bose)**

**Impamvu:** Gusabwa gushyiraho uburyo bwo kugenzura ubwitabire bw'abarimu no gucunga umutekano wa "smart classrooms".

Madamu/Bwana;

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imicungire y'Ibigo mubereye Abayobozi;

Mbandikiye mbasaba ibi bikurikira:

- Gushyiraho uburyo bwo kugenzura ubwitabire bw'abarezi n'abayobozi b'ishuri hakoreshejwe ikoranabuhanga (Face Recognition Machine). Ku ikubitiro, ubu buryo burareba ibigo bifite abanyeshuri bari hejuru ya 700 mu mashuri abanza, amashuri yisumbuye ndetse n'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro yose.
- Gushyira "Alarm system" muri "Smart Classrooms" zose.
- Gushyiraho "automatic school bell" ku mashuri yose acumbikira abanyeshuri mu rwego rwo kwibutsa abarezi n'abanyeshuri kubahiriza ingengabihe yateguwe hakurikijwe ibikubiye mu mabwiriza ngengamikorere y'ikigo.

Mboneyeho kubamenyesha ko raporo ya buri Kwezi y'ubwitabire bw'Abarezi n'Abayobozi b'Ibigo igomba gutangwa hakurikijwe amakuru yatanzwe na "Face Recognition Machine".

Ugire amahoro.

**MUKANGENZI Alphonsine**
Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ruhango;
- Bwana ugize Komite Nyobozi y'Akarere ka Ruhango;
- Madamu Umuyobozi w'Imirimo Rusange mu Karere ka Ruhango;
- Madamu/Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa...... ........ (Bose)



Scanned with CamScanner

CamScanner